Muryamo y'amatungo magufi yuza

Indwara z'ibyorezo z'amatungo zitava mu matungo ngo zifate abantu zigomba kumenyekanishwa

Ubwoko bw'amatungo ifata

- Intama
- Ihene

Uburyo virusi ihindukamo indwara

- Amakuru rusange : Muryamo y'amatungo magufi yuza *"Sheep and goat plague"* mu cyongereza ni indwara iterwa na virusi yandura cyane ifata intama n'ihene.
- Virusi: iri mu bwoko bwa *Morbillivirus*, yo mu muryango wa *Paramyxovidiae*; kubaho hanze y'uturemangingo ibamo birayigora
- Igihe imara kugira ngo igaragaze ibimenyetso: iminsi 3 kugeza kuri 6

Ibimenyetso by'iyo ndwara

- Umuriro mwinshi mu ntangiriro y'uburwayi Kwigunga cyane
- Amarira (1), ikimwira (2), n'urukonda bibanza gusohoka byonyine nyuma bikaza bivanze n' amanshyira Guhitwa cyane, rimwe na rimwe kurimo amaraso (3)
- Guhumeka nabi, guherekejwe no gukorora
- Ibisebe mu kanwa (4), itungo ntiryongere kurisha
- Gutamuka no kumagara kw'imyenge y'amazuru
- Kuramburura
- Gupfa nyuma y'igihe gito (iminsi 5-10)

Nyuma y'isuzumwa ry'intumbi

- Kuva amaraso mu bihaha (5)
- Gutukura cyane no kugaragaza ibikomere bidasanzwe biri ku murongo ku mara manini (6)

Uko yandura

- Uburyo butaziguye: mu kugira aho itungo rizima rihurira n'irirwaye cyangwa / no kwinjirwamo n'amatembangingo y'itungo ryanduye cyangwa ibirikomokaho
- Uburyo buziguye: biturutse ku bindi bintu bifite aho bihuriye n'itungo rirwaye (icyarire, ibiryo, imyambaro, ibikoresho, ...)

Ibizamini bigomba gupimwa

- Itungo rizima: amaraso arimo umuti utuma atanaga (Vacutainer 5 ml) , ibizamini by'amatembabuze ava mu maso (amarira), mu mazuru (ikimwira), mu kanwa (urukonda) cyangwa ingenera (serumu)

- Nyuma yo gupima intumbi: ibipimo byafashwe mu nturugunyu, mu bihaha, mu mara,no mu rwagashya

Kuyivura

- Nta muti uriho, keretse uwo kuvura ibyuririzi
- Intumbi z'amatungo yapfuye n'ibirambu bigomba gutabwa kure mu kuzimu no kwangizwa hahoreshejwe ishwagara





Inama n'ingamba zigomba gukurikizwa mu gihe cy'icyorezo cy'indwara ya Muryamo y'amatungo magufi yuza

Izigenewe abajyanama b'ubuzima bw'amatunfo (CAHWS)

- Kugenzura amatungo yose, akareba niba itungo riatri kurira, niba ridata ibimwira n'ibikonda; ukwigunga no kureba niba amatungo atarwaye impiswi
- Gusuzuma amatungo yose kabiri ku munsi mu gihe cy'iminsi 7
- Gutaba intumbi z'amatungo n'ibirambu muri metero 2 z'ubujyakuzimu hifashishijwe ishwagara

Izigenewe abafasha b'abavuzi b'amatungo:

- Gushyira mu kato amatungo arwaye no gufata ingamba zituma atanduza andi matungo
- Gukurikiranira hafi ibagwa ry'amatungo n'itabwa ry'intumbi z'amatungo n'ibirambu

Ku baganga b'amatungo bigenga n'abakorera leta:

- Kugira inama aborozi kuvana mu bworozi amatungo arwaye *(stamping out)*
- Gushyiraho gahunda yo gukingira amatungo yumvikanyweho n'inzego z'ubuyobozi bushinzwe ubuzima bw'amatungo